

**Amakuru y'ibanze
ku burezi bw'incuke
n'ubw'ikiburamwaka**

**Amakuru y'ibanze ku
ishuli n'uburezi bw'ibanze**





Amakuru y'ibanze ku burezi bw'incuke n'ubw'ikiburamwaka

Amakuru y'ibanze ku ishuli n'uburezi bw'ibanze

Amakuru y'ibanze ku burezi bw'incuke n'ubw'ikiburamwaka	4
Ubufatanye hamwe n'ababyeyi	4
Ururimi rw'ababyeyi n'ururimi rwa kabiri rw'igifinwa- inyigisho	5
Umunsi w'umwana mu irerero ry'incuke n'ikiburamwaka	6
Imirire	6
Kujya hanze	7
Gutangira ishuli	7
Amakuru y'ibanze ku ishuli n'uburezi bw'ibanze	8
Ku ishuli	8
Ubufatanye hagati y'ishuli n'imuhira	10
Inyigisho zitegura gutangira amasomo y'amashuri abanza	10
Igifinwa nk'ururimi rwa kabiri – inyigisho (S2-inyigisho)	12
Inyigisho z'ururimi bwite rw'ababyeyi	12
Amafunguro ku ishuli	13
Ingendo zo kujya kwiga	14
Ubwunganizi ku myigire	14
Igikorwa cyo gusigarana abana mu gitondo na nimugoroba	15
Icyitegererezo ndeberwaho cyo gusiba mu burezi bw'ibanze	
bw'umujyi wa Jyväskylä	16
Amabwiriza yo gutondeka ibyiciro n'amakuru yo gusiba	20
Icyitegererezo cy'ibikorwa byo guca itotezwa, urugomo, kubangamira	
n'ivangura mu burezi bw'ibanze bw'umujyi wa Jyväskylä	21

Amakuru y'ibanze ku burezi bw'incuke n'ubw'ikiburamwaka

- Uburezi bw'incuke n'ubw'ikiburamwaka ni bimwe mu bigize imitunganyirize y'uburezi muri Finlande.
- Umwana wese utaruzuzwa imyaka yo gutangira ishuli afite uburenganzira bwo guhabwa uburezi bw'incuke n'ubw'ikiburamwaka.
- Kuja mu burezi bw'incuke bishobora kuberako irerero ry'incuke, irerero ribera mu muryango cyangwa aho gusiga abana.
- Uburezi bw'ikiburamwaka ni umwaka umwe mbere yo gutangira ishuli, bubera ku irerero ry'incuke cyangwa ari ku ishuli.
- Abakozi baba barabyigiyeye.
- Ababyeyi n'abakozi bumvikana uko umunsi w'umwana uzaba ureshya mu burezi bw'ikiburamwaka.
- Abana bari mu burezi bw'incuke n'ubw'ikiburamwaka baba bafite ubwishingizi bw'impanuka bafatiwe n'umujiye.
- Ibiruhuko by'uburezi bw'incuke n'ubw'ikiburamwaka (umuhindo, noheli, urugaryi n'itumba) bibera igihe kimwe n'iby'uburezi bw'amashuri abanza.
- Uburezi bw'incuke n'ubw'ikiburamwaka bisabwa mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa hakoreshejwe impapuro ziboneka ku irerero.



Ubufatanye hamwe n'ababyeyi

- Dufatanyije n'ababyeyi dufasha umwana mu mikurire, iterambere, imyigire no kugubwa neza.
- Tubonana n'ababyeyi buri muni iyo bazanye n'yo bacyuye umwana.
- Binyuze muri Porogaramu mobile ya Edlevon bishoboka urugero kumenyesha igihe cyo kurerwa, kumenyesha ugusiba no gusoma ibyamenyeshejwe.
- Mu kiganiro ku burezi bw'umwana ababyeyi n'abakozi bakorera umwana gahunda y'uburezi yihariye.
- Iyo bibaye ngombwa mu kiganiro haba hari umusemuzi cyangwa izindi nzego z'abafatanyabikorwa.
- Iyo bikenewe umukozi wo ku irerero ry'incuke ashaka umusemuzi.
- Serivisi z'uburezi bw'incuke zishyura ubusemuzi.
- Abakozi bo mu burezi bw'incuke n'ubw'ikiburamwaka ndetse n'inzego z'abafatanyabikorwa bafite inshingano yo kugira ibanga.
- Abarezi bafite inshingano yo kumenyesha amakuru y'ingenzi yatera ingaruka mu mitunganyirize y'uburezi mu irerero cyangwa ishuli rishya.



- Iyo imibereho myiza y'umwana n'umutekano bibangamiwe, itegeko riha abakozi inshingano yo kubimenyesha.

Ururimi rw'ababyeyi n'ururimi rwa kabiri rw'igifinwa- inyigisho

- Kwiga ururimi rw'ababyeyi bifatwaho inshingano n'ababyeyi.
- Kumenya ururimi rw'ababyeyi bifasha umwana kwiga izindi ndimi.
- Iyo umwana ajya bihoroaho ku irerero ry'incuke cyangwa mu nyigisho z'ikiburamwaka, yiga kumva no kuvuga ururimi rw'igifinwa.
- Mu bikorwa byinshi bitandukanye by'uburezi bw'incuke n'ubw'ikiburamwaka umwana yiga ururimi rw'igifinwa.
- Umwana yiga ururimi rw'igifinwa na none iyo akina n'abandi bana.
- Umwana wiga ikiburamwaka ashobora guhabwa inyigisho z'ururimi rw'ababyeyi. Igisabwa aho, ni uko haba hariho itsinda ry'izo nyigisho z'ururimi kandi ababyeyi bakita ku buryo umwana ajyanwayo. Itsinda ry'inyigisho rishobora guhurira mu kandi gace katari aho batuye.

Umunsi w’umwana mu irerero ry’incuke n’ikiburamwaka

- Umwana arakina, ajya ku meza, ajya hanze kandi akaruhuka buri muni.
- Ibikorwa bibera mu nzu by’uburyo bwose kandi bifite intego n’ibyo hanze birimo urugero nko gukina, igororamubiri, umuziki, gutembera n’imirimo y’amaboko.
- Umwana yiga ibintu byinshi hifashishijwe imikino.
- Abana batoya biga kwiwitaho ubwabo ndetse n’ubuhanga bw’ibikorwa bya buri muni, nko kwirisha no kwiyaambika.
- Buri gihe habaho kwita ku myaka y’umwana n’iterambere rye mu mikurire kandi haba umuntu mukuru umuba iruhande akamufasha.
- Umwana yiga gukorera mu itsinda ndetse no kwita ku bandi bana.
- Mu kiburamwaka haba kwimenyereza ukubona inyuguti n’inomeru, ariko ubumenyi bwo gusoma ntibabwigishwa kandi ntibusabwa.

Imirire

- Uburezi bw’ikiburamwaka bukubiyemo icyo kurya cya mu gitondo, saha sita na nyuma ya saha sita.
- Ibyo kurya ntibiyashyurwa bitandukanye.
- Abakozi bashishikariza bakanasaba abana kumva ku biryo bishya uko bimeze.
- Si ngombwa kurya ibiryo kandi bishoboka gutora ibindi biryo kwiyaongerera.
- Ilisiti y’ibiryo ihuriweho n’amarerero ry’incuke n’amashuri iboneka urugero ku irerero ry’incuke cyangwa ku rubuga rwa interineti rw’umuji wa Jyväskylä.
- Ilisiti y’ibiryo itegurwa hakurikijwe gahunda mbonezamirire y’ibiryo byifuzwa by’abana.
- Hitabwaho kandi ibitekwa by’ibiryo harebwe ubuzima, imyemerere, harebwe n’ibijyanye n’imitekerereze.
- Umwana ufite aleriji ku biryo cyangwa ugenerwa indi ndyo yihariye agomba kugaragaza icyemezo cyanditse cya dogiteri cyangwa cy’umuforomo.
- Iyo indyo isabwa yihariye ishingiyeye ku myizerere, ntibisaba icyemezo cya muganga. Icyo gihe biba bihagije ko ababyeyi babimenyesha ku mpapuro zagenewe kumenyesha indyo idasanzwe.





Kuja hanze

- Mu irerero ry'incuke abana bajya hanze buri muni.
- Abana bajya hanze no mu mvura no mu rubura (*ubukonje buri muni ya -15 z'ubukonje, bijyanye n'imyaka y'umwana*).
- Abana bagomba kugira imyeda ijyanye n'ikirere n'imyenda yo guhindura ihagije.
- Abana bajyanwa gutembera mu busitani bwa hafi yaho barererwa, mu ishyamba, akayira ko mu rubura, ku kibuga cy'imikino cyangwa mu isomero.
- Mu busitani bw'irerero, mu ishyamba cyangwa ku kibuga cy'imikino abana bajya mu bikorwa bitandukanye, urugero igororangingo, imibare cyangwa ubumenyi bwo gufotora. Abana bakinira no mu ishyamba.

Gutangira ishuli

- Ababyeyi bamenyesha ko umwana azatangira ishuli akiri mu mwaka w'ikiburamwaka mukwa mbere.
- Inshingano yo kwiga itangira muri uwo mwaka mukwa munani, uwo yuzuzamo imyaka 7.
- Umwana atangira ishuli ribanza akenshi ku ishuli ryegereye aho atuye.

Amakuru y'ibanze ku ishuli n'uburezi bw'ibanze

- Umujyi wa Jyväskylä utegura uburezi bw'ibanze hakurikijwe itegeko rigenga uburezi bw'ibanze muri Finilande.
- Muri Finilande hari inshingano yo kwiga.
- Umunyeshuli afite inshingano yo kwiga iyo afite komine atuyemo muri Finilande.
- Inshingano y'umurera ni ukwita ku kureba, niba umwana arangiza amashuri abanza.
- Umwana atangira umwaka wa mbere muri uwo mwaka, umwaka yuzuzamo imyaka 7.
- Amashuri abanza amara imyaka 9.
- Inshingano yo kwiga irangira muri uwo mwaka, umwana yuzuzamo imyaka 18.
- Amashuri abanza ntiyishyurwa ni ubuntu.
- Imfashanyigisho ni ubuntu.
- Inyigisho zitangwa mu rurimi rw'igifinwa.
- Akenshi umunyeshuli ajya kwiga ku ishuli rihereye hafi ry'aho atuye.
- Iyo ishuli riri hafi imyanya yuzuye, umunyeshuli ashirwa ku rindi shuli riri mu ntera agenda atekanye kandi harimo urugendo rugufi.
- Ku ishuli kwiga bikurikiza gahunda y'imyigishirize.
- Gahunda y'imyigishirize iyobora ibyigishwa ku ishuli n'intego zigamijwe mu myigishirize iriho.
- Inyigisho zitangwa mu rurimi rw'icyongereza zitangwa mu mashuri abiri. Indimi z'amasomo ni icyongereza n'igifinwa.
- Inyigisho mu rurimi rw'igisuweduwa zitangwa mu ishuli rimwe. Ururimi rwigishwamo ni igisuweduwa.
- Andi mashuri y'umwihariko ni ay'umuziki na aya siporo. Amasomo y'umuziki atangirwa mu mashuri abiri. Amasomo ya siporo atangirwa mu mashuri abiri.

Ku ishuli

- Umunyeshuli ugiye kwiga aba akeneye igikapu cy'ibitabo.
- Ku ishuli umunyeshuli ahabwa ibitabo by'ishuli n'ibikoresho byo kwandika no kwandikamo.
- Umunyeshuli akenera ikaramu y'igiti na gome byo gukora imikoro yo mu rugo.
- Umunyeshuli ahabwa ku ishuli ingengabihe y'amasomo.
- Umunyeshuli ajya kwiga hakurikijwe ingengabihe y'amasomo ye.
- Ku ngengabihe y'amasomo hagaragara isaha amasomo atangirira n'isaha arangiriraho.



- Ku ngengabihe y'amasomo hagaragara amasomo buri muni ari bwigwe.
- Bisaba kuba ku ishuli buri gihe kuva ku isaha ya mbere itangiye.
- Umubyeyi ntibimusaba guherekeza umunyeshuli ku ishuli cyangwa kumenyesha mwalimu ko umwana aje.
- Umubyeyi abishatse ashobora guherekeza umunyeshuli mutoya akamugeza ku kibuga cy'ishuli.
- Umunyeshuli ategerereza ku kibuga cy'ishuli ko isaha yo kwinjira igera. Ku ishuli bavuza inzogera, iyo isaha y'isomo itangiye.
- Umunyeshuli ntabwo ashobora kuva ku ishuli hagati ku muni nta ruhushya.
- Ku ishuli abanyeshuli bajya hanze gukina hagati y'isomo n'irindi. Umunyeshuli akeneye imyenda n'inkweto bijyanye n'ikirere uko kimeze.
- Amasomo ya siporo abera hanze cyangwa mu nzu. Ibindi bakenera muri siporo ni imyenda yo guhindura: ikabutura, umupira n'igitambaro cy'amazi. Muri siporo yo hanze umunyeshuli akenera imyenda ijyanye n'ikirere n'imyenda yo kwidagadura hanze n'inkweto.
- Ishuli rifasha umunyeshuli mu gutera imbere mu rurimi, mu myigire no kujya kw'ishuli.
- Ku ishuli haba amabwiriza y'uko ibintu bigenda.
- Nta muntu ukwiye gukorera urugomo.
- Abanyeshuri bafite ubwishingizi ku muni bagiye ku ishuli.
- Iyo umunyeshuli amenye ibikoresho by'ishuli, ababyeyi bariha icyo umunyeshuli yangije.
- Ibihe by'akazi k'ishuli n'ibiruhuko.



Ubufatanye hagati y'ishuli n'imuhira

- Inshingano y'umubyeyi, ni ugukurikirana ko umwana ajya ku ishuli.
- Ishuli rifasha umubyeyi mu nshingano zo kurera.
- Ababyeyi bombi bafite uburenganzira bwo guhabwa amakuru ku myigire y'umwana.
- Guhana amakuru hagati y'ishuli n'imuhira bikorwa ahanini binyuze ku rubuga rwa Wilma.
- Amabwiriza ku mikoreshereze ya Wilma atangwa n'umwanditsi w'ishuli umwana yigaho.
- Ishuli ritumira ababyeyi mu nama ibera ku ishuli no mu mugoroba w'ababyeyi.
- Umubyeyi amenyesha ku ishuli ibijyanye n'umutekano w'uburwayi n'ubuzima bw'umwana.
- Iyo umunyeshuli arwaye, ibyo bisaba kubimenyesha ishuli vuba bishoboka.
- Umubyeyi amenyesha ko umwana yasibye kubera uburwayi binyuze kuri Wilma, gutelefona cyangwa kohereza ubutumwa bugufi.
- Umubyeyi bisaba ko amenyesha ibindi bihe byo gusiba kuri Wilma. Umunyeshuli ntabwo ari we wimenyeshereza ko ari busibe.
- Umwalimu yemerera umunyeshuli iminsi 1–5 yo gusiba.
- Umuyobozi w'ishuli yemerera umunyeshuli iminsi irenga 5 yo gusiba.
- Muri Jyväskylä haba icyitegererezo kireberwaho mu kubara ugusiba ishuli.
- Iyo umunyeshuli yasibye cyane kenshi, ishuli rimenyesha umubyeyi we.
- Ku ishuli bakemura urugomo ruhabera. Umubyeyi amenyesha ku ishuli, iyo umunyeshuli amubwiye ko akorerwa urugomo ku ishuli.

Inyigisho zitegura gutangira amasomo y'amashuli abanza

- Iyo umunyeshuli atazi ururimi rw'igifinwa, ajya mu nyigisho zimutegura gutangira amasomo y'amashuli abanza.
- Inyigisho zitegura gutangira amashuli abanza zigenewe abanyeshuli bafite imyaka 6–16.
- Umunyeshuli ashobora gutangira inyigisho zitegura gutangira amashuli abanza mu mwaka hagati.
- Inyigisho zitegura gutangira amashuli ntabwo zitangirwa ku mashuli yose.
- Inyigisho zitegura gutangira amashuli zigira gahunda yihariye y'imyigishirize.
- Umunyeshuli akorerwa gahunda y'imyigire ye yihariye, bikorwa hari n'umubyeyi we.



- Umunyeshuli yiga ururimi rw'igifinwa n'ibindi by'ingenzi ku yandi masomo.
- Iyo bishoboka, umunyeshuli ajya mu masomo amwe hamwe n'amasomo y'inyigisho z'amashuri abanza mu rurimi rw'igifinwa.
- Bishyigikira umunyeshuli kumenyera.
- Inyigisho zitegura gutangira amashuri zimara hafi umwaka umwe.
- Umunyeshuli nyuma y'inyigisho zitegura gutangira amashuri, ajyanwa ku ishuri ribanza ryigisha mu rurimi rw'igifinwa rihereye hafi y'aho atuye.
- Abafite imyaka 7-10 bagira amasomo y'amasaha 25 mu cyumweru.
- Abafite imyaka 11-15 bagira amasomo y'amasaha 26 mu cyumweru.

Igifinwa nk'ururimi rwa kabiri – inyigisho (S2-inyigisho)

- Inyigisho zitegura gutangira amashuri iyo zirangiye ajyanwa ku ishuri ribanza ryigisha mu rurimi rw'igifinwa rihereye hafi y'aho atuye.
- Igifinwa nk'ururimi rwa kabiri n'ibitabo (S2) - ingano y'amasomo ni ku banyeshuri batangiye kwiga ururimi rw'igifinwa.
- Ingano y'amasomo ishobora guhinduka, iyo ubumenyi bw'ururimi ku munyeshuri buteye imbere bihagije.
- Umubyeyi afata umwanzuro ku ngano y'amasomo.
- S2-inyigisho zitangwa mu mashuri yose.
- S2-inyigisho zitangwa mu masomo yose.
- S2-inyigisho ntabwo ari inyigisho zidasanzwe cyangwa inyigisho z'ubufasha.
- S2-ingano y'amasomo inganya agaciro n'ururimi rw'ababyeyi rw'igifinwa.

Inyigisho z'ururimi bwite rw'ababyeyi

- Inyigisho z'ururimi bwite rw'ababyeyi zigenewe abana n'urubyiruko bafite imyaka 6-18, bafite urundi rurimi rw'ababyeyi cyangwa urundi rurimi rw'umuryango rutari igifinwa.
- Inyigisho bigenwa ko zitegurwa, iyo urwo rurimi gufite nibura abanyeshuri bane kandi hakaboneka umwakimu warwo.
- Mu ndimi zivugwa n'abantu bakeya muri Finilande (ururimi rw'amarenga, indimi zinyuranye z'igisame ndetse n'ikiromaniya bivuga ururimi rwa kalengo) bisaba abanyeshuri nibura babili.
- Inyigisho zigibwamo ku bushake.
- Iyo umunyeshuri amaze kwiandikisha aba yiyemeje ko azajya mu isomo mu buryo budasiba.
- Inyigisho ni ubuntu ntizishyurwa.
- Inyigisho ni amasaha abiri mu cyumweru.
- Amasaha y'inyigisho aba ari nyuma y'amasomo y'umunsi.
- Itsinda ry'inyigisho rishobora gukorerwa ku rindi shuli.
- Umubyeyi yiyemeza kwita ku buryo bw'urugendo. Umunyeshuri ashobora guhabwa itike ya bisi imujyana mu isomo ry'ururimi rwe.
- Kwiandikisha ku nyigisho z'ururimi bwite rw'ababyeyi bikorwa mu mezi y'ukwa kane n'ukwa gatanu.
- Iyo hatabaye kwiandikisha, ntabwo bishoboka kuja mu nyigisho.
- Kwiandikisha mu mwaka hagati bikorwa huzuzwa impapuro zabigenewe. Impapuro zuzuzwa.





- Kwiyaandikisha mu nyigisho bikorwa bitandukanyije buri mwaka.
- Urahabwa andi makuru n'umukuru wa serivisi **Pia Bärlund**,
pia.barlund@jyvaskyla.fi.

Amafunguro ku ishuli

- Ku ishuli umunyeshuli ahabwa amafunguro ya saa sita ku buntu. Ku ishuli ntabwo batanga amafunguro ya mu gitondo.
- Ku ishuli bagabura ibiryo by'abafinwa.
- Ku ishuli hubahirizwa amabwiriza y'amafunguro mu buryo bw'abafinwa.
- Mu kurya, abanyeshuli bakoresha ikanya n'icyuma ibiryo ntibirishwa intoki.
- Umubyeyi agomba kumenyesha igikoni cy'ishuli niba umunyeshuli afite ibiryo aya byihariye. Cyangwa hari ibyo agiraho aleriji akabyandika ku rupapuro rundi.
- Urupapuro rwo kumenyesha ibiryo byihariye.
- Umwana akeneye icyemezo mu nyandiko ya dogiteri cyangwa y'umujyanama mu mirire ku byerekeye. Ibiryo byihariye aya cyagwa ku biryo bimutera aleriji. Icyemezo mu nyandiko gitanzwe n'umuforomo nacyo kiremewe, iyo gishingiye ku byo dogiteri yasuzumye.
- Icyemezo mu nyandiko ya dogiteri cyangwa y'umujyanama mu mirire ntikiba gikenewe iyo indyo ikenewe ari itarimo lagitose, kurya imboga gusa cyangwa indyo ishingiyeye ku bimera gusa.
- Icyemezo ntabwo gikenerwa iyo ari indyo ishingiyeye ku myemerere. Icyo gihe birahagije kubimenyesha gusa mu nyandiko y'urupapuro rwuzuzwaho indyo yihariye.
- Ku mashuri amwe birashoboka kugura icyo kurya cyo hagati ku manywa.
- Birashoboka gutwara ku ishuli icyo kurya cyawe cy'intungamubiri gifatwa hagati ku manywa.



Ingendo zo kujya kwiga

- Ingendo zo kujya ku ishuli zikorwa mu mutekano hubahirijwe amabwiriza yo gutwara abantu.
- Ingendo ngufi zo kujya kwiga akenshi zigendwa n'amaguru cyangwa igare.
- Urugendo rujya ku ishuli ni byiza kurutoza umwana muri kumwe.
- Muri Jyväskylä urugendo rw'umunyeshuli ujya kwiga rwishyurwa hakurikijwe gahunda y'uburezi uko igaragaza ishuli rya hafi umwana akwiye kwigaho.
- Abanyeshuli bo mu mwaka wa 1.-2. batwarwa ku ishuli ku buntu, iyo urugendo rurenze ibilometero 3,5.
- Abanyeshuli bo mu mwaka wa 3.-9. batwarwa ku ishuli ku buntu, iyo urugendo rurenze ibilometero 5.
- Ntabwo bisaba gukora ubusabe kugirango umunyeshuli atwarwe ku ishuli.
- Iyo ibilometero bisabwa byuzuye, birikora ishuli rikora ubufasha bwo gutwara abana.
- Umunyeshuli ahabwa n'ishuli ikarita ya bisi.
- Iyo umunyeshuli afite uburwayi cyangwa amugaye, akaba adashobora kwijyana ku ishuli, bisaba gukora ubusabe bwihariye. Umunyeshuli agomba kuba afite icyemezo cyanditse cya dogiteri.
- Iyo umunyeshuli ahawe tagisi imutwara, ababyeyi bakoresha porogaramu ya MunSchool.



Ubwunganizi ku myigire

- Ubwunganizi mu myigire bufasha mu buzima n'imibereho myiza y'umunyeshuli.
- Ubwunganizi mu myigire ni ubuntu.
- Ubwunganizi mu myigire uko bubonwa biri ku rubuga rwa interineti rw'ishuli.
- Umuforomo w'ishuli n'umudogiteri w'ishuli bakurikirana ubuzima bw'umunyeshuli n'imibereho ye.
- Umunyeshuli ahamagarwa gusuzuma uko ubuzima bwe buhagaze muri rusange mu mwaka wa 1., 5., n'uwa 8.
- Uko ubuzima buhagaze muri rusange harimo gusuzumwa n'umuforomo ndetse no gusuzumwa na dogiteri.
- Mu isuzuma ry'uko ubuzima buhagaze muri rusange hatumirwa na none ababyeyi bombi.
- Umunyeshuli ahamagarwa gusuzuma uko ubuzima bwe buhagaze muri rusange mu mwaka wa 1., 5., n'uwa 8.



- Ushinzwe amasomo ku ishuli afasha abanyeshuli, iyo bafite ibibahangayitse cyangwa ibibagoye.
- Ushinzwe imitekerereze ku ishuli asuzuma ubumenyi bw'umunyeshuli n'ubufasha akeneye.
- Ku ishuli hakorera kandi abatanga ubujyanama mu burezi. Umujyanama mu burezi ashigigira ukugubwa neza k'umunyeshuli ndetse akamufasha.
- Ku ishuli haba abakozi bashinzwe urubiruko, bafasha mu mikurire y'urubiruko no kugubwa neza.

Igikorwa cyo gusigarana abana mu gitondo na nimugoroba

- Igikorwa cyo gusigarana abana mu gitondo na nimugoroba kigenewe abanyeshuli bari mu mwaka wa 1.-2.
- Kandi abo byanzuwe ko bahabwa ubufasha bwihariye bo mu mwaka wa 1.-5., nabo bashobora kwakirwa aho babasigarana mu gitondo na nimugoroba.
- Igikorwa kirishyurwa.
- Igikorwa cyo gusigarana abana mu gitondo na nimugoroba gifite abakiyoboye, gitunganywa n'umujyi wa Jyväskylä ufatanyije n'amashuri.
- Igikorwa cyo gusigarana abana nimugoroba kiba ku minsi y'ishuri hagati ya saa 12:00-17:00.
- Igikorwa cya mu gitondo gitegurwa mu ihuriro rya mu gitondo, iyo abiyandikishije bahagije.
- Kuja aho basigarana abana mu gitondo na nimugoroba bikorerwa ubusabe. Gusaba aho gusigara n'ubwishyu.
- Iyo umwana afite ubumuga bwo kudakura neza, asaba uburenganzira bwo kujya mu gikorwa cya Vertti. Baza ku ishuli.



Icyitegererezo ndeberwaho cyo gusiba mu burezi bw'ibanze bw'umujyi wa Jyväskylä

Uwateguye uburenzi agomba gukumira ugusiba kw'abanyeshuri bitabira inyigisho z'uburezi bw'ibanze ndetse agakurikirana kandi akabikemura mu buryo biteguyemo neza. Uwateguye uburezi agomba kumenyesha ushinzwe umunyeshuri cyangwa undi umuhagarariye byemewe n'amategeko ugusiba kwabaye nta ruhushya. (POL 26 §)

Abana batuye muri Finilande bihoraho bafite inshingano yo kujya kwiga. Umurezi afite inshingano ahabwa n'itegeko, zo kureberera niba amashuri ateganijwe mu nshingano yabashije kwigwa akarangira. (OVL 2 § & 9 §)

Mu kubara incuro zo gusiba hitabwaho ugusiba kose kwabaye mu gihe cy'umwaka w'ishuli, no gusiba hatanzwe uruhushya. Gusiba ishuli bikurikiranwa kuri gahunda, mu itsinda ry'abashinzwe gukurikirana imyigire, bikorwa kane mu gihe cy'umwaka w'amashuli.

1. Kwirinda gusiba ishuli

Ibikorwa bishyigikira kugubwa neza kw'abanyeshuli, kugira uruhare no gushyira hamwe kw'abanyeshuli

- Gushimangira amarangamutima, umutekano n'ubumenyi mu bufatanye bw'umunyeshuli n'umwalimu.
- Abakozi bahura n'abanyeshuli ku giti cyabo kandi bakabashyigikira mu kwizirika ku ishuli no kwitabira.
- Abakozi bashyigikira imikoranire mu itsinda, imikoranire y'umubano w'urungano, guhuriza hamwe no gukumira irungu mu gihe cy'ishuli.
- Abaza ku ishuli bose bagira uruhare mu kuhagira ahantu hatekanye ho kwigira kandi bagakemura ihohoterwa, urugomo, kubangamirana n'ivangura ryose.
- Abakozi bubaka ubufatanye bw'imikoranire mu burezi hagati y'imuhira no ku ishuli.
- Gukurikirana ugusiba k'umunyeshuri umwe umwe- n'urwego rw'itsinda nk'igice cy'ibikorwa byo kwita ku myigire no gutunganya gahunda yo kwita ku myigire.



2. Kemura byihuse kandi ukurikirane hamwe n'umunyeshuri n'umurezi

- Impinduka zihangayikishije mu myitwarire y'umunyeshuri.
- Ubushake bukeya bwo kuza kwiga.
- Gukerererwa byikurikiranya.
- Gusohoka mu isomo hagati cyangwa umunsi w'ishuri utarangiye.
- Umunyeshuri ari ku ishuri ariko ntajye mu isaha y'isomo.
- Gusiba nta mpamvu zemerewe.
- Gusiba kudafite ibisobanuro cyangwa ibisobanuro byo gusiba bitatanze.
- Gusiba isomo rimwe byikurikiranya cyangwa iminsi izwi y'icyumweru.
- Gusiba byikurikiranya cyangwa gusiba igihe kirekire.

3. Gutabara hakiri kare

- Mwalimu w'ishuli akurikirana ugusiba, aganira n'umunyeshuli n'umurezi we.
- Mwalimu w'ishuli akurikirana uko amasomo atera imbere, akamenya ingorane mu masomo kandi agasuzuma ubufasha bukenewe.
- Umwalimu agisha inama ku rugero rutoya umwalimu w'umwihariko mu isomo hamwe na serivisi zita ku banyeshuli, iyo umunyeshuli afite ikibazo mu mibereho myiza, mu masomo cyangwa mu myigire.
- Iyo bibaye ngombwa umwalimu w'ishuri yumvikana n'umunyeshuri ndetse n'umurezi ku bikorwa by'ubufasha n'ibihe byo gukurikirana.
- Gusiba ishuli nta ruhushya kandi bitasobanuwe bikemurwa byihuse.

4. Ibikorwa bifite intego

- Umwalimu avugisha ababyeyi kandi akabasaba uruhushya rwo

guteranyiriza hamwe amatsinda atandukanye y'inararibonye no guhabwa ubufasha bwihariye n'abita ku myigire.

- Bibaye ngombwa mwalimu agisha inama mwalimu wihariye mu burezi na serivisi zifasha abanyeshuli.
- Umwalimu w'ishuri atumira amatsinda y'inzobere mu myuga itandukanye, iyo bigaragaye ko ari ngombwa ku neza y'imyigire no kugubwa neza k'umunyeshuli.
- Mu nama hakurikiranwa impamvu ziri inyuma y'ugusiba, humvikanwa ibikorwa by'ubufasha nk'inyigisho ziteguwe byihariye kandi hagenzurwa urugero rw'ubufasha bw'inyigisho rukenewe.
- Hakiyongeraho kumvikana igihe bazongera gukora isuzuma ndetse n'ubishinzwe.
- Iyo itsinda ry'abanyamwuga b'inzobere ridatumiwe mu nama, umwalimu w'ishuri yumvikana n'umunyeshuli n'umurezi we ku bikorwa by'ubufasha n'ikurikiranwa ryabyo.
- Humvikanwa kandi imikorere ku bikorwa bigamijwe bihuriweho.

5. Ibikorwa bikomeye

- Hashyigikirwa umunyeshuli ahabwa ubufasha ku giti cyo.
- Bibaye ngombwa habazwa kandi hagatimirwa mu nama abandi banyamwuga bo hanzu y'ishuri.
- Mu itsinda ry'impuguke zinyuranye n'inzobere, abalimu n'abashinzwe serivisi zita ku banyeshuli babizobereye bafatanyizwaga isuzuma ryagutse ku mpamvu zitera gusiba bafatanyije n'umunyeshuli ndetse n'umurezi we.
- Urwego rwo gushyigikira uburezi rurasuzumwa kandi humvikanwa ku ngamba zo kunganira umunyeshuli nka gahunda yo kwigishwa yoroshya cyangwa gahunda yo kwigisha yihariye.
- Ufite inshingano wumvikanyeho yita ku migendekere y'uko bigenda kandi akabikurikirana.
- Bibaye ngombwa umwalimu akora 1) kuvugana ngo hamenywe ubufasha bukenewe hakurikijwe itegeko rigenga imibereho myiza cyangwa 2) kumenyesha ubusugire bw'abana.

6. Iyo gusiba ishuli bikomeje

- Hashimangirwa kandi hasobanurwa ubufatanye bw'imikorere myinshi.
- Harebwe gahunda yihariye y'imyigishirize POL 18 §, ahantu hihariye hibandwa, VSOP no gutandukanya amasomo.
- Umuntu ubushinzwe ashigikira umunyeshuli gusubira ku ishuri mu buryo buteganyijwe.



Gusiba biri ku ijanisha n'amasaha mu mwaka w'amashuri muri Jyväskylä

Icyiciro-urwego

Umwaka wa 1.-2
Umwaka wa 3.
Umwaka wa 4.
Umwaka wa 5.-6.
Umwaka wa 7.-9.

5 % byo gusiba

Amasaha 38
Amasaha 42
Amasaha 46
Amasaha 48
Amasaha 57

10 % byo gusiba

Amasaha 76
Amasaha 84
Amasaha 91
Amasaha 95
Amasaha 114

15 % byo gusiba

Amasaha 114
Amasaha 125
Amasaha 137
Amasaha 143
Amasaha 171

20 % byo gusiba

Amasaha 152
Amasaha 167
Amasaha 182
Amasaha 190
Amasaha 228

10 % byo gusiba byakorewe ubushakashatsi basanga bituruka ku mibereho myiza n'imyigire.

Amabwiriza yo gutondeka ibyiciro n'amakuru yo gusiba

Impuguro za minisiteri y'uburezi n'umuco

- **Gusuba gutewe n'impamvu zijyanye n'uburwayi**

Umunyeshuli asiba ishuli (arwaye, mu mubiri na/cyangwa bijyanye n'igikorwa cyo kwivuzza uburwayi bw'imitekerereze / guhura na muganga urugero dogiteri w'amenyo, isanamitima cyangwa kubagwa). Kubyandika bishobora gukorwa n'umubyeyi cyangwa na mwalimu ashingiye kucyo umubyeyi yamumenyesheje.

- **Konji yasabwe mbere**

Konji yasabwe n'umubyeyi mbere, ndetse n'amasaha y'amasomo amwe amwe n'iminsi y'ishuli (konji y'urugendo, gusiba bijyanye n'imyidagaduro, kuja ku mubyeyi batabana). Umwalimu yandika amakuru yo gusiba yamenyeshejwe n'umubyeyi / bishingiye ku busabe.

- **Gusiba kundi byatangiwe ibisobanuro**

Bikorehwa gusa iyo byabaye, mu gihe gusiba kutabwirwa mu bindi byiciro uko bigenwa (urugero POL 36 §, kwishyira mu kato ku bushake, ikibazo cy'umuryango kitari cyitezwe). Icyanditswe n'umubyeyi cyangwa na mwalimu.

- **Gusiba nta ruhushya, bigasobanurwa**

Umubyeyi cyangwa mwalimu aha ubusobanuro ugusiba nta ruhushya kutari mu byiciro byo gusiba (gusimbuka isomo, cyangwa gukererwa igihe kirenze isaha y'isomo).

- **Gusiba kutatangiwe ibisobanuro**

Ishuli ntirifite amakuru ku mpamvu umwana yasibye. Gusiba mwalimu cyangwa umubyeyi bashobora kubisobanura maze bakandika bahindura mu cyiciro nyacyo.

- **Akazi k'ishuli, kuhaba**

Umwana aba ku ishuli mu mubiri, ariko agasiba isomo yahawe uruhushya (muri serivisi zita ku banyeshuli, mu mirimo y'ishyirahamwe ry'abanyeshuli, mubya kaminuza n'ibindi). **Ibitabarurwa nko gusiba.**

- **Kwigira ahandi**

Umunyeshuli asiba kuba ku ishuli urugero. ku ishuli ry'ibitaro cyangwa agakora umunsi mugufi w'ishuli byumvikanyweho cyangwa ibyumweru (POL 18 §). **Ibitabarurwa nko gusiba.**

- **Gukerererwa**

Gukerererwa kutageze ku isaha y'isomo kwandikwa nk'aho isomo ryizwe (umubare w'iminota). **Ibitabarurwa nko gusiba.**

Icyitegererezo cy'ibikorwa byo guca itotezwa, urugomo, kubangamira n'ivangura mu burenze bw'ibanze bw'umujyi wa Jyväskylä

Uwitabira inyigisho afite uburenganzira bwo kugira aho kwigira hari umutekano. (Pol 29 §)

Itegeko rigenga ubusugire bw'abana 25 § - inshingano yo gukora imenyeshya ritabariza kurengera abana no kumenyesha icyaha.

Kwirinda no gutabara hakiri kare

1. Igenamigambi no gukurikiza gahunda

- Muri buri shuri ryose hashingwa itsinda cyangwa hagashyirwaho umuntu uhabwa inshingano, agahuza ibikorwa kandi akazamura urwego rwo kurwanya itotezwa, urugomo, kubangamira n'ivangura mu murimo w'ishami akoreramo. Umuntu ubishinzwe ni umwe mu bagize itsinda ryita ku banyeshuri.
- Muri gahunda y'umwaka w'amashuri handikwamo umuntu ufite inshingano z'ibikorwa birwanya urugomo, itotezwa, kubangamira n'ivangura, uburyo bikorwa, ibigamijwe n'ikigereranyo iyo igihe cy'ibikorwa kirangiye.
- Amategeko agenga ishuli, amabwiriza y'imikorere hamwe n'uburinganire na gahunda yo guhabwa agaciro kamwe bisuzumirwa hamwe n'abanyeshuli, abarezi n'abakozi.
- Muri gahunda yo guhabwa agaciro kangana n'uburinganire hagomba kubamo amahame y'imikorere asobanutse uko haremwa imikorere yo kwemerana no kubahana kandi bikabungabungwa.
- Itsinda rikurikirana gahunda yo gushyira hamwe mu kwita ku burezi, rikita ku mibereho myiza n'umutekano bahuriyeho.

2. Gushimangira gushyira hamwe

- Ubumenyi bw'amarangamutima, umutekano no gukorana biritozwa nka kimwe mu bigize isaha ngarukamwaka y'imibereho myiza ndetse no mu bintu byose bya buri muni.
- Abakozi bashyigikira imikoranire mu itsinda, imikoranire y'umubano w'urungano, guhuriza hamwe no gukumira irungu mu gihe cy'ishuli.
- Abahurira ku ishuli bateza imbere uko babona imikoranire myiza, imikoranire yo kwemerana no gutanga ibitekerezo byo gushimana.

3. Imibanire itekanye ku baturira ku ishuli

- Itotezwa ntiryerwa mu buryo ubwo ari bwo bwose. Ihuriro ryose ry'abari ku ishuri rigira uruhare rwo gukemura imyitwarire yose idahwitse bigakorwa kuri gahunda.

- Umuyobozi w'ikigo ayobora ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa, urugomo, kubangamira n'ivangura.
- Abakozi bahabwa imenyerezwa ry'uburyo bikorwa ndetse n'amahugurwa ku kurwanya ihohoterwa.
- Abakozi bamenyesha ibintu bishobora guteza ingaruka z'urugomo kandi bamenya ibimenyetso biganisha ku gukora urugomo.
- Abakozi batanga amasomo ajyanye n'iyi ngingo kandi bagategura umunsi ugenewe iyi nsanganyamatsiko.

4. Umuco w'imikorere ushimangira kugira uruhare

- Abanyeshuli bumva icyo ihohoterwa, urugomo, kubangamira n'ivangura ari cyo, biga kubimenya kandi bagasobanukirwa icyo bakora iyo babikorewe.
- Abanyeshuli bashishikarizwa kumenyesha abakozi ibyerekeye ihohoterwa iryo ari ryo ryose no gukemura ibyabaye.
- Abanyeshuri n'abarezi bagira uruhare rwo kurema no kugira uruhare mu mucu w'imikorere birwanya itotezwa na gahunda y'ibikorwa byongeraga gushyira hamwe.
- Abarezi bahabwa amakuru n'amahirwe yo kuganira ku itotezwa; kumenya ibyaryo n'imikorere y'ishuri yo kurwanya itotezwa.

Gukemura

- Abakozi b'ishuli barabikemura buri gihe iyo babibonye cyangwa bamenye amakuru y'ihohoterwa, urugomo, kubangamira n'ivangura byabereye ku ishuli ndetse bakaganira n'ababigizemo uruhare. **Icyitonderwa!** Mu gihe cy'ihohoterwa n'iterabwoba dukora dukurikije amabwiriza atandukanye.
- Abakozi babanza kuganira n'uwakorewe ihohoterwa, urugomo, kubangamirwa n'ivangura, nyuma yaho bakaganiriza abandi babigizemo uruhare.
- Iyo iperereza ku itotezwa rirangiye, humvikanwa kandi hakandikwa mu mashini icyo bumvikanye n'uburyo bizakomeza gukurikiranwa.
- Abakozi bamenyesha ababyeyi icyabaye kuri uwo munsi cyabayeho.
- Iyo hakekwa ko icyabaye kigize ikimenyetso cy'icyaha, abakozi bamenyesha polisi kandi byaba ngombwa bakamenyesha abashinzwe ubusugire bw'abana (Polisi ashinzwe ingimbi, uburenganzira bw'abana, kubaza ibiro by'abunzi).
- Abakozi bashimangira imikoranire n'ababyeyi kandi bakabatumira mu nama.
- Itotezwa ryabaye mu gihe cy'urugendo rugana ku ishuri rimenyeshwa umurezi kandi byaba ngombwa hagatangwa ubufasha mu gukurikirana uko byagenze, urugero nk'inama zo kwiwunga.

Igika cy'ikurikirana n'ubufasha bwo hanyuma

- Abakozi bakurikirana uko byifashe bihoraho mu buryo burambye buhagije, kugeza bizeye ko umunyeshuli atekanye ku ishuli no mu nzira acamo ajya kwiga. Buri cyumweru mu gihe cy'ukwezi kwa mbere, mu kwezi gukurikiyeho buri cyumweru cya kabiri naho nyuma yaho uko bibaye ngombwa.
- Ikurikirana rishingwa umwarimu w'ishuli, -uwungirije umwalimu cyangwa umuntu bishinzwe, haramutse nta kundi byumvikamyeho.
- Abakozi basuzuma ubufasha bukenewe ku mpande zombi n'itsinda babigizemo uruhare. Hamwe na serivisi zita ku banyeshuli, humvikanwa ibikorwa by'ubufasha byihariye n'ibihuriweho bitewe n'uko ikibazo giteye. Ikindi humvikanwa uko hashyirwaho ubufasha bwihariye mu burezi.
- Iyo bibaye ngombwa abakozi bagira inama umunyeshuli zo gushaka serivisi z'ubufasha hanze y'ikigo, nk'ibikorwa byita ku ngimbi, Itsinda ry'-urungano rwa MLL, ahaganirirwa ubufasha ku ihohoterwa.
- Iyo bibaye ngombwa umunyeshuli ategurirwa ibiganirwa by'uburezi cyangwa agategekwa ibikorwa byo kumuhana bijyanye n'imyaka, urwego rw'iterambere ndetse n'icyo umunyeshuli yakoze kandi hakitabwa ku nkurikizi byamuzanira.
- Ibikorwa birasuzumwa buri mwaka kandi bigatezwa imbere hashingiwe ku ikusanyamakuru, urugero habaho ibibazo ku kunyurwa kw'abanyeshuli, ku buzima bw'ishuli, ubuhanga bwa TEA.



Ihohoterwa rishobora kuba mu ntekerezo, ku mubiri cyangwa irishingiye ku gitsina. Ihohoterwa ni ugukoresha nkana, gucunga cyangwa gukoresha nkana ingufu z'umubiri cyangwa kubikangishwa. Ibikorwa by'ihohotera bishobora kugaragara mu cyabaye hagati y'abanyeshuli ubwabo cyangwa y'abanyeshuli n'abakozi b'ishuli. Urugomo, kubangamira n'ivangura ni ubwoko bw'ihohoterwa.

Urugomo rusubirwamo kenshi, rukomeretsa amarangamutima nkana, umubiri cyangwa imibanire y'undi muntu. Urugomo rushobora kandi kubaho muri sisitemu ikorerwamo.

Gutoteza ni imyitwarire itukana nkana cyangwa ibikorwa bitera ubwoba, urukozasoni, gusuzugura cyangwa itesha agaciro, icyubahiro cy'umuntu cyangwa itsinda ry'abantu.

Guhabwa akato bisobanura kwanga umuntu cyangwa itsinda, gufatwa nabi cyangwa gushyira abandi ahantu no mu cyiciro kibi.

Ibi bikorwa byose byanditse hejuru bishobora kuba ibyaha.

**Lisätietoa varhaiskasvatuksesta
ja koulutuksesta:
jyvaskyla.fi/varhaiskasvatus-ja-koulutus**



Hyvä kasvu kaikille -hanke

Kasvun ja oppimisen palvelut, Jyväskylän kaupunki

Taitto: Kuuverstas **Valokuvat:** Anette Aittanen, Hanna-Kaisa Hämäläinen